



Kigali, ... 20/02/2026 ...

Ref. N° : 060../RCVD/2026

**ITANGAZO RY'URUGAGA RW'ABAGANGA B'AMATUNGO RIREBANA
N'IKIZAMINI CYO KWIYANDIKISHA MU RUGAGA
RW'ABAGANGA B'AMATUNGO**

Hashingiwe ku Itegeko N° 56/2013 ryo kuwa 09 Kanama 2013 rishyiraho Urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 3, iya 6, iya 7 n'iya 34 ;

Hibukijwe Amabwiriza N° 443/RCVD/2025 yo kuwa 31 Ukuboza 2025 akena imitangire y'icyangombwa cyo gukora (annual veterinary license), cyane cyane mu ngingo zayo, iya 7, iya 8 n'iya 10 ;

Ubuyobozi bw'Urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda (RCVD) buramenyesha abarangije kwiga ibirebana n'ubuvuzi bw'amatungo cyangwa imyororere y'amatungo, umwaka w'amashuri wa 2025, mu mashuri yisumbuye A2, mu mashuri makuru A1 na A0, ndetse n'abarangije mbere ya 2025 ariko kugeza ubu bakaba batanditse mu Rugaga rw'Abaganga b'amatungo, **ko bese basabwe kwihutira kwiyandikisha banyuze muri website y'Urugaga kugirango bazakore ikizamini cyo kwemererwa gushyirwa ku rutonde rw'Urugaga.**

Ikizamini cyishyurwa amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) ashirwa kuri konti y'Urugaga BK 00040-00653033-35. Kwiyandikisha bazarangira taliki ya 28 Gashyantare 2026, ikizamini gikorwe tariki ya 15 Werurwe 2026 saa 11h30 mu Gihugu hose.

Abazatsinda ikizamini basabwa guhitira kwiyandikisha muri AMIS bagahita basaba "Provisional License" kubakirangiza na "License" kubarangije mbere ya 2025. Abazatsindwa bazongera gukora mu kwezi kwa Kanama 2026. Ikizamini kizakorwa mu ndimi ebyiri, igifaransa n'icyongereza, naho amanota yo gutsinda ni ukuva kuri 70% kuzamura, ku byiciro byose.

Ku bindi bisobanuro n'andi makuru, mushobora guhamagara kuri RCVD, telefoni 078 888 3525 – 078 860 4614.

for
Dr KAYUMBA Charles

Perezida w'Urugaga rw'Abaganga b'Amatungo mu Rwanda

